REPUBLIC OF RWANDA
RWANDA COOPERATIVE AGENCY
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE AMAKOPERATIVE

**ITANGAZO RIGENEWE ABANTU BOSE BASHAKA GUSHINGA KOPERATIVE ZITANGA SERIVISI Z'UMUTEKANO ZITANGWA N'ABIKORERA**

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amakoperative (RCA);

Amaze kubona ibiteganywa n'Itegeko nº16Bis/2020 ryo ku wa 07/09/2020 rigenga serivisi z'umutekano zitangwa n'abikorera, cyane cyane ingingo yaryo ya 4, igika cyayo cya 2, ivuga ko uwifuza kuba utanga serivisi z'umutekano zitangwa n'abikorera abanza gusaba Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda icyemezo kimufasha kwiyandikisha mu rwego rubifitiye ububasha;

Amaze kubona ko hari koperative zisaba icyemezo cy'ubuzimagatozi bwo gutanga serivisi z'umutekano zitangwa n'abikorera ariko zitabanje kwaka no guhabwa icyemezo cyo gutanga izi serivisi gitangwa na Polisi y'u Rwanda;

Ashingiye ku nama yo ku wa 04/09/2025 yahuje abahagarariye RCA n'abahagarariye Polisi y'u Rwanda/Ishami rishinzwe serivisi z'umutekano zitangwa n'abikorera, bakaganira ku bisabwa mu ishingwa rya koperative zitanga serivisi z'umutekano zitangwa n'abikorera;

Aramenyesha abantu bose bifuza gushinga koperative zitanga serivisi z'umutekano zitangwa n'abikorera ko, mbere yo kohereza dosiye isaba ubuzimagatozi, bagomba kubanza kwaka no guhabwa icyemezo gitangwa na Polisi y'u Rwanda kibemerera gutanga izo serivisi.

Bikorewe i Muhanga, ku wa 4 Nzeri, 2025




RCA(DG)
2025.09.04
16:04:13 +02'00'

**KAMANZI Francis**
Umuyobozi Mukuru

P.O Box 6249 Kigali- Rwanda Website : www.rca.gov.rw E-mail: info@rca.gov.rw

Promotion, Registration and Regulation of Cooperatives